Shyigikira ugusenga k’ukuri (Igice cya 2)

Bishingiye ku gice cya 16 cyo mu gitabo *Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n’impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.



ESE ABAKRISTO B’UKURI BAGOMBA KUBWIRA ABANDI IBYO BIZERA?

1 SUZUMA IBYO WIZERA

Kuki hari ababyemera?

Kuki hari ababihakana?

Wowe wizera ko bimeze bite?

Kuki ari uko ubyemera?


www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

Abakristo b'ukuri birinda kujya impaka z'imyizerere.
(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 16 paragarafu ya 13-17.)

Soma mu Bakolosayi 4:6.
Uyu murongo ugaragaza ute ko dukwiriye kugira amakenga mu gihe dusobanurira abandi ibyo twizera?

Soma muri Matayo 7:12.
Kuki tugomba gukomeza kubaha abandi nubwo baba batemera ibyo twizera?



Iyo ukina umupira uwunaga woroheje kugira ngo uwo mukina bimworohere kuwusama. Mu buryo nk'ubwo, tugomba gusobanurira abandi ibyo twizera tubigiranye amakenga kugira ngo basobanukirwe neza ibyo tuvuga

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Abakristo b’ukuri bateranira hamwe kandi bakiga uko bafasha abashaka kumenya byinshi ku birebana n’ibyo bizera.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 16 paragarafu ya 18-19.)

Soma muri Zaburi ya 22:22; Abaroma 1:12; no mu Baheburayo 10:24, 25.

Ni akahe kamaro ko kujya mu materaniro?

Soma muri Malaki 3:10.

Nidushyigikira ugusenga k’ukuri bizatugendekera bite?

Ni nde wifuza kubwira ibyo wizera, kandi se wabikora ute ubigiranye amakenga?

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IBYO WIZERA

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Buri gihe, Abahamya ba Yehova bahatira abantu kwemera ibyo bizera.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Nubwo twishimira *gusobanurira* ababyifuza imyizerere yacu, nta na rimwe tujya *duhatira* abantu kwemera ibyo tubabwira, kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Idini ni ikibazo kireba umuntu ku giti cye. Ntitwagombye kwirirwa tubiganiraho n'abandi.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Uko ni ko abantu babyumva. Ariko Bibiliya yo idusaba kuganira n'abandi ibyo twizera, kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania